Padiri GAHINDA yavukiye i Rukaza, Komine Nyamabuye muri 1917, se amaze gupfa, niko kumwita GAHINDA. Yatangiye amashuri abanza muri 1924, atsindira seminari nto muri 1931, atangira seminari nkuru muri 1936, ageragerezwa mu seminari ntoya i Kabgayi (1942-43), ahabwa ubusaserdoti muri 1945.

Mu gutangira ubutumwa, yahise asubira kwigisha mu seminari i Kabgayi kugeza mu mpera ya 1951. Nyuma yaho yabaye umukuru wa paruwasi Mubuga (1951-54), yigisha mu seminari ku Nyundo (1954-1963), aba mukuru wa paruwasi ya Mushubati (1963-1965), ayobora ishuri ry'abitegura kwigisha iyobokamana (1966-1970), aba umuyobozi w'iyobokamana muri diyosezi ya Nyundo (Gisenyi, Kibuye, Cyangugu) abifatanije no kwigisha ikinyarwanda na liturgiya mu seminari (1970-1973). Ahavuye aba mukuru wa paruwasi ya Gisenyi (1973-1985), umukuru wa paruwasi ya Muhororo (1985-1986). Nibwo yumvise atangiye kugira intege nke asaba abamutegeka kumwegura kuri uwo murimo bakamushakira indi paruwasi yajyamo ariko atari mukuru wayo. None yibera ku Mubuga.

Padiri GAHINDA si umukambwe ubonetse wese. Ni umuhimbyi mu b'imena uzwi cyane mu buhimbyi bw'indirimbo. Izo yahimbye zigera kuri 42. Niwe wubahutse bwa mbere guhimba indirimbo ya Kiliziya mw'ijwi rya kinyarwanda : TUKURAMYE BIKIRA MARIYA yaririmbwe muri Yubile ya Kiliziya yabereye i Butare muri 1950. None dore anaduhaye uruhisho rw'imivugo itagira uko isa.

## Présentation de l'auteur

Padiri GAHINDA Matiyasi yavukiye i Rukaza, Komine Nyamabuye muri 1917, ise amaze gupfa, niko kumwita Gahinda. Yatangiye amashuri abanza muri 1924, atsindira seminari nto muri 1931, atangira seminari nkuru muri 1936, ageragerezwa mu seminari i Kabgayi (1942-43), ahabwa ubusaserdoti muri 1945.

Mu gutangira ubutumwa, yahise asubira kwigisha mu seminari i Kabgayi kugeza mu mpera ya 1951. Nyuma yaho yabaye umukuru wa paruwasi Mubuga (1951-54), yigisha mu seminari ku Nyundo (1954-1963), aba mukuru wa paruwasi ya Mushubati (1963-1965), ayobora ishuri ry'abitegura kwigisha iyobokamana (1966-1970),aba umuyobozi w'iyobokamana muri diyosezi ya Nyundo(Gisenyi, Kibuye, Cyangugu) abifatanije no kwigisha ikinyarwanda na liturgiya mu seminari(1970-1973). Ahavuye aba mukuru wa paruwasi ya Gisenyi(1973-1985), umukuru wa paruwasi ya Muhororo (1985-1986). Nibwo yumvise atangiye kugira intege nke asaba abamutegeka kumwegura kuri uwo murimo bakamushakira indi paruwasi yajyamo ariko atari mukuru wayo. None yibera ku Mubuga.

Padiri GAHINDA si umukambwe ubonetse wese. Ni umuhimbyi mu b'imena uzwi cyane mu buhimbyi bw'indirimbo. Izo yahimbye zigera kuri 42. Niwe wubahutse bwa mbere guhimba indirimbo ya Kiliziya mw'ijwi rya kinyarwanda: TUKURAMYE BIKIRA MARIYA yaririmbwe muri Yubile ya Kiliziya yabereye i Butare muri 1950. None dore anaduhaye uruhisho rw'imivugo itagira uko isa.

Mu byivugo bye yitwa : " isarabwe ryemeye ishyaka , ... iraba ryamamaye i Nduga na Nyundo , ... Umwungeri wa Mwungura-ngoma, ... urukerereza mu barezi, .. integuza y'ijuru ryera"." Umugaba wabaye umwogeza-ngoma wa Ngoma-iganje".

GROS CARACT.

# I N T E R U R O

Basomyi ba Ngoma iganje,

Muri iyi gitabo cy'imivugo, nashatse kubagezaho ibitekerezo byankomaga ku mutima, byose bigana ku ngingo imwe: iyobokamana.

Muri buri muvugo natondekanije amagambo ku buryo byazorohera uyitera mu mutwe imbere y'abandi, mu njyana inyuze umujyo umwe.
Amahirwe naje kugira nuko nabanye n'urubyiruko imyaka 25, nkigisha abo basore kuvuga neza, kimwe no kuririmba Uhoraho.
Iyi mivugo hafi ya yose yagiye yizihiza ibitaramo urwo rubyiruko rwagiye rwinikiza. Abo yigishije ikinyarwanda, habonetsemo benshi bamenye guhimba no gutarama.

Icyi gitabo nise UMURIRIMBYI WA NGOMA IGANJE nizeye ko kizafasha abakuru n'abato, abarimu n'abanyeshuri ndetse n'abakozi, nimugoroba bakitse imirimo.

Nimusome musobanukirwe kandi ababishoboye bashyireho akabo. Buri muvugo uhatse ukuri ushaka kubagezaho. Musome mwitonze. Kuko ukuri kugenda kwisanzurira mu nzego zose z'iyi mivugo.

Kuba nshoboye kubagezaho iyi mivugo mbikesha inkunga ya Nyakubahwa NYANDWI Karoli, Minisitiri w'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, Mukajya mumfasha kumushimira. Ndashimira na NYETERA Petero Selestini wamfashije kugeza icyifuzo cyanjye kuri uwo Mugiraneza, akanahuza iyi mivugo n'imyandikire iriho ubu.

Basomyi rero, muraberwe!
Mwishimire gusoma no gusobanukirwa; ntabwo ari imivugo mbagejejeho, ni ibiganiro namwe mwageza ku bandi mukabajijura cyangwa mukabagira inama.

Mubuga, ku wa 2 Ukuboza 1987

Padri Mathias GAHINDA